**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO**

# ITANGAZO RIJYANYE NO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMURIMO TARIKI YA 01 GICURASI 2021

Buri mwaka, tariki ya 1 Gicurasi, u Rwanda rwifatanya n'isi yose kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "***Duteze imbere umurimo, isoko yo kuzahura ubukungu no kwihutisha iterambere".*** Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'umurimo, hateganyijwe Icyumweru cy'Umurimo guhera tariki ya 01kugeza tariki ya 7 Gicurasi 2021.

Uyu munsi ugiye kwizihizwa ku nshuro ya kabiri u Rwanda n'isi yose bihanganye no kurwanya icyorezo cya Koronavirusi (COVID-19). Mu rwego rwo kwirinda ikwirakwira ry'icyo cyorezo, nta munsi mukuru uzaba ku rwego rw'Igihugu nk'uko byari bisanzwe, cyakora abakoresha bazungurana ibitekerezo n'abakozi hakoreshejwe ikoranabuhanga ku byarushaho kunoza umurimo no gushimira abakozi b'indashyikirwa nk'uko bisanzwe.

Binyuze mu bitangazamakuru binyuranye, hateguwe ibiganiro bizibanda ku gushishikariza Abanyarwanda kugira umuco wo guteza imbere umurimo; gushyira imbaraga mu gusigasira imirimo by'umwihariko muri iki gihe cya COVID-19 no kuyibyaza umusaruro; gushyigikira ihangwa ry'imirimo myinshi kandi itanga umusaruro; gushyigikira umuco wo guhanga udushya no gushyigikira ibigo by'abikorera bikagira uruhare mu ihangwa ry'imirimo; ndetse no gushyigikira imishyikirano hagati y'abakozi n'abakoresha hagamijwe kongera umusaruro; no kwimakaza umuco wo kuzigama.

Muri icyo Cyumweru cy'Umurimo hateganyijwe ibiganiro bizaca kuri **Radiyo na Televiziyo Rwanda** ku buryo bukurikira:

- **Tariki ya 01 Gicurasi 2021:** Hazakorwa ikiganiro ku cyakorwa mu kuzahura ubukungu n'umurimo byahugabanyijwe na COVID-19, gusobanura uko umurimo uhagaze nyuma ya COVID-19, kumenya ubumenyi bukenewe, kumenya ishoramari ritanga amahirwe menshi yo kongera imirimo n' akamaro ko guhanga ibishya (innovation).

- **Tariki ya 04 Gicurasi 2021:** Hazakorwa ikiganiro kibanda mu gushishikariza abakozi n'abakoresha kugira umuco w'ibiganiro n'umushyikirano rusange, kwita ku buzima n'umutekano bw'abakozi ku kazi hagamijwe kongera umusaruro no gushaka ibisubizo birambye ku bibazo n'ingaruka byatewe na COVID-19 ku murimo.

- **Tariki ya 06 Gicurasi 2021**: Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo azasura icyanya cyahariwe inganda i Masoro (Special Economic Zone) mu rwego rwo gushima uruhare inganda zagize mu gusigasira umurimo muri iki gihe cya COVID-19 ndetse n'amasomo yavamo mu guteza imbere umurimo.

- **Tariki ya 07 Gicurasi 2021:** Hazasozwa icyumweru cy'umurimo, hanakorwe inama hifashishijwe ikoranabuhanga izahuza Inzego za Leta, Urwego rw'Abikorera, amasendika, abafatanyabikorwa, imiryango itegamiye kuri Leta n'abandi bafatanyabikorwa hagamijwe kungurana ibitekerezo no kuganira ku bikorwa n'inzego zitandukanye mu kuzahura umurimo ndetse n'imbogamizi zirimo, hanaganirwe ku byashyirwamo imbaraga. Muri iyi nama kandi hazashimirwa abagize uruhare kurusha abandi mu ihangwa ry'umurimo no guhanga ibishya bitanga ibisubizo mu guhangana n'icyorezo cya COVID-19 kandi bikabyara ihangwa ry'umurimo.

**Bikorewe i Kigali, ku wa 28 Mata 2021**



Digitally signed by
MIFOTRA(Minister)
Date: 2021.04.28
18:06:27 +02'00'

**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**

**Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo**